**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU GUTANGIZA UMWAKA W'UBUCAMANZA 2019-2020**

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;

Banyakubawa bayobozi b'inzego nkuru z'igihugu

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano;

Batumirwa bahire;

Turabashimira ko mwitabiriye uyu muhango wo gutangiza umwaka w'Ubucamanza 2019-2020. By'umwihariko tubashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, uburyo muha agaciro iki gikorwa, bigaragazwa n'uko kuva muri 2005 kugeza uyu munsi, mu mirimo myinshi mugira, mutarigera mubura na rimwe.

Hamwe no kubamurikira n'Abanyarwanda murangaje imbere n'inshuti zabo, imirimo yakozwe mu mwaka w'ubucamanza dusoje, imbogamizi twahuye na zo n'ingamba twimirije imbere, munkundire mbihuze no kubamurikira ibyo njye na bagenzi banjye twagezeho muri iyi myaka umunani ishize kuko ikivi mwadushinze kegereje umusozo.

Ubwo nahabwaga inshingano zo kuyobora Urwego rw'Ubucamanza mu mwaka wa 2011 hari byinshi byari byarakozwe byubatse intango twakomerejeho, ariko hakaba hari hakiri byinshi byo gukora. Nk'uko twabibagejejeho mu muhango nk'uyu wo mu mwaka wa 2012-2013, icyo gihe Urwego rw'Ubucamanza rwari ruhanganye n'ibibazo by'ingutu bishingiye cyane cyane kuri ibi bikurikira:

- ubwinshi bw'imanza zinjira mu nkiko ugereranyije n'umubare muto w'abacamanza n'abanditsi bwatumaga umubare w'ibirarane by'imanza wiyongera; bityo kubona ubutabera mu gihe gikwiye bigasa n'inzozi mu nkiko zimwe na zimwe;
- ubunararibonye buke bw'abakozi n'ingengo y'imari iteganyirijwe amahugurwa yabo idahagije;
- inyubako zitaboneye inkiko zakoreragamo.

Aha twakwibutsa ko kubera ibirarane by'imanza, mu nkiko zimwe na zimwe cyane cyane inkiko z'ibanze n'izisumbuye zo mu Mujyi wa Kigali kimwe no mu Rukiko rw'Ikirenga, urubanza rwinjiye rwashoboraga kumara imyaka rutegereje kuburanishwa.

Naho ku byerekeye ubunararibonye bw'abakozi, abenshi ntibari bafite ubunararibonye bukwiye, cyane cyane ko amasomo bari barakurikiye muri kaminuza atabahaga ubumenyi ngiro bubafasha gukemura ibibazo bahura na byo mu mirimo y'ubucamanza.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ntitwavuga ko ibyo bibazo byose byakemutse uko tubyifuza, ariko hari intambwe yatewe kandi ishimishije, byose bishingiye ku ngamba zo kuboneza imiyoborere itugeza ku ntego twiyemeje, kandi mu mikoro make tugenerwa.

Ku bijyanye no gutanga ubutabera mu gihe gikwiye, ubu twakwishimira ko muri rusange urubanza rwinjiye rucibwa mu gihe kitarenze amezi ane ku mibare mpuzandengo y'inkiko zose. By'umwihariko, mu Rukiko rw'Ikirenga uwo mubare wavuye ku mezi 69 mu mwaka wa 2011 ugera ku mezi 4.5 uyu mwaka; mu Rukiko Rukuru, uwo mubare usigaye ari amezi 6.6, mu gihe mu mwaka wa 2011 wari amezi 11.

Muri uru rwego kandi, servisi zihabwa abagana inkiko zarushijeho kunoga ku buryo gusiragira ku nkiko ubaza amakuru ku bijyanye n'urubanza umuntu aburana byabaye amateka, mu gihe gusubika imanza byagabanutse biva kuri 29,78% bigera kuri 11.31% gusa muri 2018. Kuva mu mwaka wa 2011/2012 kugeza 2018/2019, mu nkiko zose hinjiye imanza 508,647 hacibwa imanza 590,338, ni ukuvuga imanza 81,691 zaciwe zirenga ku zinjiye. Kugira ngo ibi bishoboke hafashwe ingamba zinyuranye:

- Kongera ububasha bw'abunzi ku buryo ibibazo ibito bitaza mu nkiko (aha twakwibutsa ko ibibazo birenga 80% byashyikirijwe abunzi, ariho birangirira);
- Gushyiraho uburyo bw'ubwunzi ku babishaka mu gukemura ibibazo by'imanza hagati y'ababuranyi babifashijwemo n'urukiko. Icyakora nk'uko imibare

ibigaragaza, iyi gahunda ntiritabirwa uko bikwiye. Twizeyo ko mu gihe cya vuba hazashyirwaho amategeko atuma ubwunzi burushaho bwitabirwa (legal framework), dore ko ubwunzi ari na bwo buhuje cyane n'umuco nyarwanda wo gukemura amakimbirane;

- Gushyiraho uburyo bwihariye bwo kuburanisha ibirego by'agaciro gato bitari mu bubasha bw'abunzi, ariko bitarengeje miliyoni eshanu (small claims procedure);
- Kuvugurura imiterere y'inkiko n'ububasha bwazo;
- Gushyiraho Urukiko rw'Ubujurire, urwo rukiko rukaba rumaze guca imanza hafi ya zose zari zarabaye ibirarane mu Rukiko rw'Ikirenga kubera kuburanisha hari umucamanza umwe.
- Gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo myinshi y'urukiko, nko gutunganya amadosiye y'imanza ziburanishwa, guhamagara ababuranyi no kubamenyesha gahunda z'inkiko, bigatuma yihuta, bityo umubare w'imanza zisubikwa kubera amadosiye atujuje ibyangombwa na wo ukagabanuka.
- Kwiha umubare fatizo w'imanza nibura 15 buri mucamanza aca mu kwezi; ubu ukaba warazamutse ukagera ku manza 25.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Kubona ubutabera bwihuse n'inkingi ikomeye mu kurengera uburenganzira bw'ababuranyi, ariko ibyo ntibihagije iyo bitajyanye n'ubumenyi n'inararibonye rya ngombwa ku bacamanza kugira ngo umuburanyi abone ubutabera bunoze.

Ni muri urwo rwego, kuzamura ubudakemwa bw'imanza zicibwa byakomeje gushyirwa mu ngamba zitabwaho by'umwihariko. Muri zo twavuga:

- Guhugura abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko:
  - Ababonye impamyabushobozi y'ikiciro cya gatatu (masters) 46
  - Abarangije "specialized courses"[1]:57
  - Abacamanza bose, uretse abo mu nkiko nkuru barangije "Diploma in Legal Practice" muri ILPD

[1] Practical aspects of contract and tort; International crimes and genocide ideology; Persons and family; Banking legal practice; Practical aspects of economic and financial crimes; Corporate law and insolvency

    - Amahugurwa y'igihe gito harimwo kwandika imanza mu buryo busobanutse, itangwa ry'ibihano mu manza nshinjabyaha (sentencing), ubwunzi n'amategeko ku bibazo byihariye nk'ibyerekeye ihohoterwa ry'abari n'abategarugori, ubujura bukoresheje ikoranabuhanga, iyezandonke, ubucuruzi bw'abantu, imanza z'imisoro n'ibindi.

- Gufasha abacamanza kugera ku nyandiko/amakuru nkenerwa mu micire y'imanza:
    - Gushyiraho ikegeranyo k'imanza z'ikitegererezo (law report) gisohoka 4 mu mwaka;
    - Kwisuzuma no kwemeranya ku mirongo ikurikizwa ku bibazo inkiko zahuye na byo buri kwezi kandi igatangazwa ku rubuga rw'Urwego rw'Ubucamanza;
    - Kwimakaza ihame rya "judicial precedent", cyangwa gukurikiza umurongo wafashwe mu zindi manza zaciwe kugira ngo imanza ku bibazo bisa zicibwe mu buryo bumwe, hirindwa akarengane.
    - Kugenzura imicire y'imanza no kutanga inama za ngombwa hifashishijwe Ubugenzuzi bw'Inkiko;
    - Kugenzura no guhana ibyaha bya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo mu bakozi b'inkiko bitera akarengane; 40 barahanwe muri iyi myaka 8.
    - Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gufasha abagana inkiko kugaragaza ibitagenda mu mitangire ya servisi zibagenewe kugira ngo bikosorwe (***Sobanuzainkiko***);
    - Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga bufasha kugenzura imikorere y'abakozi b'Urwego rw'Ubucamanza no kugenzura uko ibyo bakora bifasha Urwego rw'Ubucamanza kugera ku ntego zarwo (Electronic Performance Management System); [iyi gahunda ariko yo ikaba itaratangira gushyirwa mu bikorwa kuko igitunganwa].

Umubare w'imanza zihindurwa mu bujurire wavuye ku kigero cya 20% igera ku 8%. Ijanisha ry'imanza zihinduka nyuma y'isubirwamo ku mpamvu z'akarengane (yari

kuri 3% mu mpera za 2017/2018) ibi bikagaragaza ko ubunyamwuga bwiyongereye.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Izi ngamba kimwe n'izindi tudashobora kurondorera aha, ni zo dukesha impinduka nziza zakomeje kuranga isura y'ubucamanza bw'u Rwanda muri iyi myaka umunani ishize nk'uko ibyegeranyo bitandukanye byagiye biyigaragaza. Byumwihariko, "Rwanda Governance Board" muri uyu mwaka 2018-2019 igaragaza amanota ko Ubucamanza bukora neza ku kigero cya 88.34%.

Imibereho myiza y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko yakomeje kwitabwaho. By'umwihariko, turabashimira, Nyakubahwa Perezida, inama mwabagiriye yo kwishyiriraho ikigega cyo kwiteza imbere, n'inkunga ikomeye mwateye icyo kigega, ubu kikaba kimaze kugeza ku mafaranga akabakaba miliyari imwe (963,992,526) mu myaka 2.5 gusa kimaze gishinzwe, no gutanga inguzanyo zingana 652,820,947 zahawe abakozi 361. Abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko kandi bafashe ubwishingizi bw'ubuzima (Life Insurance).

"Rwanda Judges and Registrars Association" yinjiye mu ihuriro rigizwe n'abacamanza n'abanditsi bo mu bihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (East African Magistrates and Judges Association), u Rwanda ruyobora iryo huriro mu myaka itatu ishize. Ibi byafashije abacamanza kumva akamaro k'ubufatanye no guhuza imicire y'imanza n'imyumvire ku mategeko ajyanye no kwishyira hamwe (integration) mu muryango wa "East African Community".

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

N'ubwo hari byinshi byo kwishimira, hari n'imbogamizi twagiye duhura na zo kandi n'ubu zitarangiye. Muri zo twavuga nka:

- Umubare w'imanza udahwema kwiyongera ugereranyije n'umubare w'abakozi. N'ubwo hagiye hafatwa ingamba zinyuranye twavuze, ibisubizo dutanga usanga ari nko kuzimya umuriro gusa, mu gihe hadafashwe ingamba zituma amakimbirane abyara imanza agabanuka mu muryango nyarwanda. Urwego

rw'Ubucamanza rwafashe gahunda yo kuganira n'izindi nzego mu biganiro ngaruka mwaka, kugira ngo buri rwego ku birureba, rufate ingamba za ngombwa mu rwego rwo gukumira amakimbirane. Turizera ko iyi gahunda izatanga umusaruro.

- Ingengo y'imari nto ku mahugurwa y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko.

Umwuga w'ubucamanza usaba ko abawukora bahora biyungura ubumenyi kubera ihinduka rya hato na hato ry'amategeko. Amahugurwa kandi anagenewe kubafasha guhangana n'ihindaguhurika ry'imikorere, imyitwarire n'imibanire y'abantu muri iyi si turimo y'ikusanyabukungu. Amikoro y'igihugu aramutse atubutse, byagira akamaro gakomeye hagiyeho ikigo cy'amahugurwa kihariwe n'Urwego rw'Ubucamanza (Judicial Training Institute).

- Ikoranabuhanga rigifite ibibazo mu mikorere y'inkiko.

Ubu turishimira ibyo tumaze kugeraho mu mikoreshereze y'ikoranabuhanga cyane cyane IECMS. Nyamara, mu kabazo kose igize, cyangwa iyo dushatse kugira icyo duhindura cyangwa twongera mu mikorere yayo, biba ngombwa ko twiyambaza abayihanze (developers) b'abanyamahanga. Nyamara kandi ibyo twaritugishaka kongeraho mu rwego rwo kuyihuza n'izindi nzego nka NIDA, RRA, Rwanda Land, Management and Use Authority, RDB biracyahari. Ibyo byagakemuwe no gushyiraho, kandi ku buryo bwihuse, abakozi bihariye b'Abanyarwanda bahugurirwa ibyayo, kugira ngo bajye bayihuza n'ibyifuzo by'abayikoresha kimwe n'ihinduka ry'amategeko.

- Kubonera inyubako zikwiye inkiko zitarazibona.

N'ubwo hatewe intambwe igaragara mu bijyanye no kubaka ingoro z'ubutabera, hari inkiko zigikorera ahantu hataboneye, cyane cyane iz'ibanze. Urukiko rw'Ikirenga na rwo rumaze igihe rutakamba ko rwakubakirwa kubera inyubako ishobora kuzagwa, tukaba twumva by'umwihariko inkiko nkuru zashakirwa uburyo, zikubakirwa ahantu hihariye ingoro z'ubutabera zikwiranye n'imirimo zikora.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Aho ni ho twari tugejeje iki kivi, nkaba ntashidikanya ko ubucamanza buzarushaho kujya imbere.

Ndagira ngo munkundire mbashimire mbikuye ku mutima, ikizere mwangiriye munshinga inshingano zikomeye zo kuyobora Urwego rw'Ubucamanza muri iyi myaka umunani ishize, hamwe n'inama n'impanuro mwatugiriye muri urwo rugendo rwose. Ndisegura ku byo tutashoboye kugeraho uko bikwiye. Nabigiyeho byinshi harimwo kuyobora, kwigirira icyizere (self-confidence), gukunda igihugu, "to defend its vision" no guharanira icyagiteza imbere; nkaba mbibashimira.

Ndagira ngo abo dukorana na bo mbashimire uko twakoranye n'uruhare bagize mu kubaka Urwego rw'Ubucamanza twishimira, ndetse mbonereho no gushimira Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko kuko batubaye hafi igihe cyose twabiyambaje kugira ngo badufashe kuvugurura cyangwa gushyiraho amategeko agamije kuzana impinduka zikenewe mu mikorere y'ubucamanza. Ndashimira Ubushinjacyaha Bukuru n'Urugaga rw'Abavoka imikoranire myiza ntibagiwe no gushimira ibihugu n'imiryango mpuzamahanga byagiye bidutera inkunga mu rugendo rwo kwiyubaka.

Munyemerere, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mbasabe mutugezeho ubutumwa mwatugeneye kuri uyu munsi.

Murakoze, Murakarama.